ICYUMWERU CY'UBUMWE N'UBWIYUNGE KIRATANGIRA KURI UYU WA MBERE TALIKI YA 17-27/10/2011

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge irizihiza ku nshuro ya 4 "***Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge.*** Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge akaba ari umwanya Abanyarwanda bose bagomba kwisuzuma bareba intambwe imaze guterwa mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge bwabo, bishimira intambwe yagezweho, banafata ingamba kubitaragerwaho.

Igitekerezo cyo gushyiraho iki cyumweru cyatanzwe n'abanyarwanda mu gihe bagishwaga inama hategurwa Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yemejwe muri 2006; iki gitekerezo cyarashyigikiwe gishyirwa muri Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge nk'imwe mu ngamba yo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge muri uyu mwaka wa 2011 kije ari umwanya mwiza wo kwishimira ibyagezweho kubigaragaza ,kubibungabunga no gufatira hamwe ingamba zo gukomeza kubiteza imbere. "**TWIHESHE AGACIRO, *TWUMVIKANISHE IJWI RYACU MU KUBAKA AMAHORO UBUMWE N'UBWIYUNGE*".**

Ibyo abanyarwanda bamaze kugeraho babikesha ubumwe n'ubwiyunge ni byo kwishimira kandi bikwiye kudutera ishema. Birakwiye ko ibyo dukora byiza bimenyekana haba mu gihugu cyacu ndetse n'ahandi ku isi

Mu kwizihiza icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge ku nshuro ya kane Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge irishimira intambwe iterwa n'Amahuriro y'ubumwe n'ubwiyunge mu kugira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge haba ku rwego rw'Igihugu haba no ku rwego rw'uturere. Komisiyo izakomeza kandi kubaka ubufatanye n'inzego zose ziharanira kubaka amahoro,ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda byo shingiro ry'iterambere rirambye.

Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge ni urubuga rwahawe abafatanyabikorwa n'abanyarwanda muri rusange ngo bumvikanishe ijwi ryabo,bagaragaze uruhare bagira mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge.

Intego z'Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge

- Gukomeza gushimangira ibikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge abanyarwanda bagiramo uruhare mu nzego zitandukanye,
- Gukangurira abanyarwanda amahame shingiro y'ubumwe n'ubwiyunge n'uruhare rwabo mu kubuteza imbere
- Kwishimira, kumenyekanisha no gusakaza ibimaze kugerwaho mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge
- Gukora isuzuma binyujijwe mu biganiro mu nzego zitandukanye ku ntambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge, inzitizi zigihari no gufata ingamba z'ibikorwa

Umusaruro utegerejwe:

- Hashyizweho urubuga ruhoraho rw'ibiganiro mu baturage bigamije imibereho n'imibanire myiza
- Icyegeranyo cy'indangagaciro na kirazira kuri buri rwego kirakozwe kandi kiramuritswe;

- Abayobozi mu nzego zitandukanye n'abaturage muri rusange bakanguriwe uruhare rwabo mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge kandi hashyizweho ingamba zo kubigeraho;
- Ibikorwa ntangarugero (indashyikirwa) mu bumwe n'ubwiyunge bimurikiwe abanyarwanda kandi biramenyekanishijwe ngo bibere n'abandi urugero;
- Imikorere n'Imikoranire ya NURC n'Abafatanyabikorwa bayo yongerewe imbaraga kandi buri mufatanyabikorwa asobanukiwe n'uruhare rwe mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;
- Umuco wo guhiganwa mu bikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge binyujijwe mu gushyigikira ibikorwa by'indashyikirwa utejwe imbere;

- Raporo zivuye mu biganiro muri buri karere zizafasha mu gukora raporo ku miterere y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda.